## MENYA INTEGO YAWE

Abantu benshi batekereza ko umuhamagaro ureba abantu biyeguriye Imana. Ntabwo aribyo kuko twese dufite **umuhamagaro wo kwiyubaka nk'abantu, mu bwigenge no mu bumwe n'abandi, kubaho twishimye no guha agaciro ubuzima bwacu.**




## *Imana irashaka ko ubaho wishimye!*

Niba ukiri mu nzira yo gushaka umuhamagaro cyangwa inzira y'ubuzima bwawe, dushobora kugufasha no kukwumva byahafi kandi mu cyubahiro, no kuguha ibanga n'amakuru bizagufasha kumenya **"inzozi z'Imana kuri wowe".**

Turagufasha kandi tukaguherekeza

## *Urashaka gutanga igisubizo ku muhamagaro Imana iguhamagarira?*




Menya ubuzima bwacu mu mubano wacu n'Imana

## TWEGERE UTUBAZE MAZE TUGUFASHE

pastoral.juvenil@irsjg.org
+34 616 647 402
pastoral-juvenil.irsjg.org/fr/
IRSJGPastoralJuvenil

Institut des Religieuses de SAINT JOSEPH DE GÉRONE
www.irsjg.org

# PASTORAL DES JEUNES SAINT JOSEPH DE GÉRONE









## *Menya impano zawe n'umuhamagaro w'ubuzima bwawe!*

## TURI BANDE?

Turi **Umuryango w'Ababikira ba Mutagatifu Yozefu b'i Gerona**, kuva mu ntangiriro z'umuryango wacu mu mwaka w'i 1870, dukorera kandi dufasha abantu barwaye, abakuze n'abana, cyane cyane abafite ibibazo bikomeye.



## INGABIRE N'UBUTUMWA BW'UMURYANGO

Ingabire y'umuryango wacu, twarazwe n'uwadushinze Mama María Gay Tibau, ni **"ukwiyumvamo urukundo Nyampuhwe rwa Yezu runyuze mu gukorera no gufasha abarwayi n'ababaye bose"**.

Ubutumwa bwacu ni ukwamamaza urukundo Nyampuhwe rwa Yezu dufite intego yo **"koroshya ububare no kubiba amahoro mu mitima y'ababababaye"**.

***Tugabanya ububabare kandi tubiba amahoro***










Vumbura Umuryango w'Ababikira ba Mutagatifu Yozefu b'i Gerona!

***Menya abantu bafashe icyemezo cyo kuba mu muhamagaro wabo***







## ICYO DUKORA

Duhereye mu ngo zacu nk'Abiyeguriye Imana, kimwe no bigo byacu, uko bwije n'uko bukeye kandi tubigiranye urukundo nyampuhwe tubiba urubuto rwacu **kugirango duhindure isi duhereye mu nzego zitandukanye z'ubuvuzi, uburezi, iyobokamana, n'imishinga ifasha mu bikorwa by'iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza.**

## AHO TURI

Duherereye mu **bihugu 12 biri ku migabane** ya **Afurika, Amerika y'amajyepfo n'Uburayi.** Dufite ingo z'abiyeguriye Imana, ibigo by'ubuvuzi, ibigo by'abasaza n'abakecuru ndetse n'amashuri.